# UMURONGO NGENDERWAHO MUGUHARANIRA UBUZIMA N'UBWIRINZI MU KAZI

## *Muri Trinity Metals twemera ko impanuka ndetse n'ibindi biza byaba bishamikiye ku kazi bishobora gukumirwa kuko imibereho myiza y'abakozi bacu ariyo ntego nyamukuru mubyo dukora byose*

Trinity Metals yiyemeje gushyira imbere cyane ubuzima n'umutekano mu kazi by'abakozi ndetse n'abandi baturage bakikije ibikorwa byacu.

Twemera ndetse tunasobanukiwe inshingano zo gushyira mu bikorwa uburyo ndetse no gutanga ibikoresho nkenerwa mu kubungabunga ubuzima n'umutekano by'abakozi, abafatanyabikorwa ndetse n'abandi bose batugana. Ibi bikazagerwaho hashingiwe mu gushakisha ibyateza impanuka byose, hashyirwaho ingamba zibikumira ndetse hagamijwe kwimakaza umuco mwiza w'ubwirinzi mu bakozi bose.

Ku bw' izo mpamvu, twiyemeje:

- Kubahiriza amategeko n'amabwiriza aharanira kubungabunga ubuzima n'umutekano mu kazi
- Gushakisha ibyateza impanuka byose ndetse higwa n'ingaruka byateza hagamijwe gushyira mu bikorwa ingamba zibikumira,
- Gucukumbura byimbitse ndetse no gukurikirana impanuka zose zibaye mu kazi
- Kwimakaza umuco wo kwita k'ubuzima n'umutekano by'abakozi bandi mu kazi
- Gukangurira abakozi bose ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu gutanga umusanzu mu gushyira mu bikorwa uburyo buhamye kandi burambye bwo kubungabunga ubuzima n'umutekano mu kazi
- Gushyira imbere amahugurwa hagamijwe kongerera ubumenyi abakozi
- Guhuriza hamwe imbaraga hagamijwe guteza imbere ubuzima n'umutekano mu kazi,
- Guharanira guhora dutera imbere mu kubungabunga ubuzima n'umutekano mu kazi hashyirwaho intego zifatika kandi zigerwaho.

Tuzaharanira gukumira icyo aricyo cyose cyagira ingaruka mbi ku buzima.

***Tuzaharanira kurwanya impanuka izo arizo zose kugirango tugere ku cyerekezo cyacu cyo kuba ikigo gikora ubucukuzi mu buryo buboneye kandi burambye***



........................................

Peter GELETA

Umuyobozi Mukuru wa Trinity Metals

Tariki: 14/07/2023